# 260: Kuri wa munsi tuzazukaho

1.

Kuri wa munsi tuzazukaho, Yes' azaduh' imibiri mishya;Kurira no kuboroga Ntabwo bizaba bikiriho.

2.

Ubu bugingo n'uyu mubiri Ntabwo byabura gutandukana.None, mubiri, sinzira,
Urindir' uwo munsi mwiza.

3.

Uyu mubiri waruhanyaga Ni wo turambitse mu butaka;Nuk' ubugingo bwonyine
Bwazamutse, bujya mw ijuru.

4.

Ubu bugingo n'uyu mubiri iherezo, bizasubirana, Bihabw' ishusho ya Yesu;
Ntibizatandukan' ukundi.

5.

Mbeg' umunezero mwinshi cyane i Koko, mw izuka, tuzishima pe Ni hw imva zose zo mw isi
Zizashiramw abapfu bazo.

6.

Maz' ababyeyi n'abana babo N’ abavandimwe batandukanye N’abishwe
n’urukumbuzi Bazabonanira mw ijuru.

7.

Bazabanayo mubwami bwawe;Bazababatagitandukanira.Kubw’umusaraba
wawe,Uzadusohozeyo natwe.

Visit us at indirimbo.com